Igihe abayisilamu babiri basakiranye mu mirwano bafite inkota, icyo gihe uwishe n'uwishwe bose bajya mu muriro

Hadithi yaturutse kwa Abi Bak'rat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Igihe abayisilamu babiri basakiranye mu mirwano bafite inkota, icyo gihe uwishe n'uwishwe bose bajya mu muriro", ndavuga nti: Yewe Ntumwa y'Imana! Uyu ni uwishe birumvikana, none uwishwe we bimeze bite? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iransubiza iti: Uyu nawe yari ashishikajwe no kwica mugenzi we."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko igihe abayisilamu babiri basakiranye barwana bafite intwaro, buri wese agambiriye kwica mugenzi we, icyo gihe uwishe ajya mu muriro, kubera kwica mugenzi we; Abasangirangendo ntibiyumvisha ukuntu n'uwishwe azajya mu muriro maze barayibaza bati: Uwishwe ni gute yajya mu muriro? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibasubiza ko nawe azajya mu muriro kubera ko nawe yari ashishikariye kwica mugenzi we usibye ko yamutanze kubigeraho.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4304